**INYIGISHO Y'UMUSHUMBA W'ARIKIDIYOSEZI YA KIGALI, NYIRICYUBAHIRO MUSENYERI ANTONI KAMBANDA , MU MUHANGO WO GUTAHA NO GUHA UMUGISHA KILIZIYA NSHYA YA PARUWASI GIKONDO, KUWA 22/01/2020.**

Bakristu bavandimwe ;

Kimwe mu bintu by'ingenzi umuntu akenera mu buzima bwe, ni Imana. Akenera guhura n'Imana, akenera umukiro w'Imana. Nk'uko akenera ifunguro ngo abeho, agakenera umwuka wo guhumeka, agakenera amazi yo kunywa,ni nako akenera Imana ngo abeho.

Hariho abashobora kuvuga ko batemera Imana, cyangwa ko batazi Imana, burya baba barayisimbuje ikindi kintu. Ikigirwamana. Cyangwa se haba hari ikuntu batumvise neza Imana, batumvise uko Imana iri, bakaba hari igitekerezo cy'Imana kitari cyo, kitari ukuri kw'Imana, akaba ari cyo bahakana. Naho ubundi, **Imana ni urukundo, Imana ni ukuri, ni indunduro y'ibyiza byose**, **amahoro n'ibyishimo**.Niyo mpamvu rero, mu byiza umuntu aba yifuza, ni Imana ashaka, ni Imana aba yifuza. Umuntu wese rero, ashakisha icyiza, agakenera kwishima n'amahoro, kandi byose biri mu Mana. Niyo mpamvu akenera guhura n'Imana, gusabana n'Imana, akenera umukiro w'Imana.

Cyera abantu bagiraga uko biyambaza Imana, batarahishurirwa no kumenya by'ukuri Imana, bakagira Imana zabo, abayisraeli bagize umugisha w'uko Imana yabihishuriye; Imana y'ukuri Rurema. Muri icyo gihe bari abantu bagenda bimuka, bakurikiye ahari amazi n'ubwatsi, abo bita "nomades". Abrahamu iyo yageraga ahandu agakenera gutura igitambo cyo gushimira Imana cyangwa se guhongera ibyaha by'umuryango ; no gusaba umugisha wayo, yubakaga urutambiro agatura igitambo.

Igihe Imana ibahaye amategeko, ihaye amategeko Musa, yanditse ku mabuye abiri, aho bageraga bayubakiraga ihema, iryo hema rikaba ari ahantu hatagatifu babonanira n'Imana.

Musa iyo yajyaga kuganira n'Imana avuganira umuryango wa Israeli, yinjiraga mu ihema kubonaniramo n'Imana, agasabira umuryango w'Imana, Imana nayo ikaguma mu muryango wayo. Bamaze kugera mu gihugu Imana yari yarabasezeranyije, bamaze gutura, bamaze kwiyubakira amazu meza, atagira uko asa, agezweho, umwami Dawudi bimwanga mu nda, akagira ati ntabwo nasinzira ngo ngire amahoro mu nzu nziza, Uhoraho tutaramwubakira ingoro imukwiye aturamo, akaba akiri mu ihema. Ariko Nyagasani aza kumubwira ko atari we uzamwubakira ingoro, ko ahubwo umuhungu we, Umwami Salomoni ari we uzayubaka.

Salomoni rero yubatse ingoro nziza y'Imana i Yeruzalemu. Iyo ngoro y'akaraboneka imaze kuzura, niyo umuhanuzi Ezechiel atubwira mu isomo rya mbere tumaze kumva. Yarabonekewe, abona umugezi w'amazi y'ubuzima, uvubuka mu gitambo cy'ingoro, n'uburyo ayo mazi yagendaga atanga ubuzima.

Ingoro y'Imana, ni uburyo bwo guhura n'Imana. Ingoro y'Imana ni ahantu duhurira n'Imana. Imana iyo tubonanye nayo iduha ubuzima, ku buryo rero ingoro y'Imana ni isoko y'ubuzima.

Uyu muhanuzi yahishuriwe abona amazi atemba agana i burasirazuba, ayo mazi aho yanyuraga akahatera ubuzima. Ageze mu nyanja y'umunyu, Inyanja y'umunyu ni inyanja itagira ubuzima, nta kinyabuzima gishobora kubamo, bayita « dead sea », kuko nta buzima kubamo.

Ariko ayo mazi iyo yinjiraga muri iyi nyanja itagira ubuzima, yagendaga ahatera ubuzima, ibinyabuzima muri aya mazi bitangira kuvuka, amafi aribwa n'ibindi binyabuzima birakura, biroroka biragwira.

Ku nkombe z'uwo mugezi hagenda hamera ibiti byera imbuto ziribwa, kandi amababi yabyo akaba umuti.

Bavandimwe, uko kwari uguhanura Ingoro y'Imana Kiliziya, aho duhurira n'Imana, aho amasakramentu atanga ubuzima tuyaherwa, isoko yayo ikaba ari Kiliziya, Ingoro y'Imana. Ayo mazi y'ubuzima yahanuraga batisimu, intangiriro y'ubuzima muri twe, kuvuka mu buzima bw'iteka, mu buzima bw'Imana.

Ayo mafi atunga ubuzima bw'umuntu, n'imbuto ziribwa, ni ifunguro ryahanuraga Ukaristiya ntagatifu, duherwa muri Kiliziya ikaduha ubuzima, ikabungabunga bwa buzima buba bwaratangiriye muri batisimu. Amababi avura, akabungabunga bwa buzima iyo bwahungabanye, ni penetensiya itangirwa muri KIliziya, ikabungabunga,igasana bwa buzima iyo icyaha kibuhutaje, kibumugaje.

Igihe Yezu umwana w'Imana yigize umuntu akaba muri twe, noneho twabonye uburyo buhamye bwo guhura n'Imana muri We. Yezu Kristu kuva ubu niwe yatwunze n'Imana, niyo mpamvu ari ingoro nzima.

Igihe abwira abayahudi batangariraga ingoro i Yeruzalemu, arababwira ati : "Nimusenye iyi ngoro y'Imana mu minsi itatu nzaba namaze kuyubaka". Abayahudi ntibabyumvise, bararakaye biri no mubyo bamuregaga, bamushinja ko asuzugura Imana, ko azasenya ingoro akanayubaka, nyamara we yavugaga ko ari we ngoro nzima y'Imana, ko nibamwica azazuka nyuma y'iminsi itatu.

Yezu niwe ngoro aho duhurira n'Imana, niwe muhuza n'Imana. **Guhura na Yezu ni uguhura n'Imana** ikiza, ni ukwakira umukiro. Nibyo twumvise mu Ivanjili. Uyu mugabo Zakewusi inyota yari afite yo guhura n'Imana. Yari umuntu ushakisha, uhihibikanira ushakisha ubuzima bwishimye, akaba yarumvaga ko nabona ubukungu bw'ibintu azanyurwa, ku buryo yari yarabigezeho afite u bukungu ariko ntanyurwe, akumva hari umukiro wundi akeneye, inyota itarashira. Yumvise rero, aravuga ati reka njye kumureba, wenda ashobora kumpa umukiro nifuza ariko nkaba ntashobora kuwugeraho.

Hari ighe umuntu ashakisha, akibwira ko nagera ku bukungu bw'ibintu, nagwiza amafranga uretse ko ntawuyagwiza,

iraha, akishimisha, akumva ko nabigeraho ari bwo azaba afite ubuzima bwishimye, ariko ntanyurwe, ahubwo hakaba n'igihe bimugwa nabi, agashakisha amashuri akayaheza ariko ntanyurwe, agashakisha ibyubahiro n' butegetsi, ariko ntanyurwe kuko iyo abibonye agira inyota y'ibindi ..

**Umuntu rero ntashobora kunyurwa, kuko umutima we uba wabuze Imana.** Zakewusi yakoze uko ashoboye kugira ngo agere kuri Yezu, ariruka nk'umwana kandi yari kandi yari umugabo w'umunyacyubahiro, w'umukungu, w'umutegetsi, yicisha bugufi, ageza n'aho yurira igiti hamwe n'abana, kugira ngo ashobore kubona Yezu.

Zakewusi amaze kubona Yezu umutima we waranyuzwe, yumva umukiro w'Imana umugeze ku nyota. Mu buzima ibyo yari yaraharaniye ashakisha ubuzima bwishimye, ashakira mu bukungu, ndetse akanahemuka ngo abone ubukungu bw'ibintu, hari benshi yari yarahemukiye yarambuye utwabo, yarabahuguje.

Amaze kubona Yezu, yumvise ashubijwe, yumva nta bukungu buruta kumenya Yezu Kristu. Nibwo rero yateruraga, ati : " Nyagasani icya kabiri cy'ibyo ntunze byose mbihaye abakene. Umutungo wanjye wose ndawugabanyamo kabiri, icya kabiri ngihe abakene, kandi uwo nambuye , ndabimusubiza ibye, kandi ndamukubira inshuro enye." Zakewusi yari yabaye undi, yari ageze ku cyo yifuzaga, ibintu yahihibikaniye yumva bitakiri isoko y'ihirwe kuri we, yaje kubona ko nta kiruta Imana, ko ubukungu nyakuri ari ukuba kumwe n'Imana.

Bavandimwe; Bakristu ba Gikondo, namwe nshuti mwese, uyu munsi Imana yatashye iwanyu, Imana yatashye i Gikondo, umukiro w'Imana watashye iwanyu. Hano muzajya muza kubonana n'Imana.

Nk'uko twabyumvise mu isomo rya kabiri, Yohani Intumwa mu byo yahishuriwe yagize ati: "Dore ingoro y'Imana mu bantu. Bazabana nayo, Imana izabane nabo." Yezu muri Ukaristiya tugiye kwimika, mujye mumutaramira ntagire irungu. Ni mahire ko iyi kiliziya tuyitashye mu mwaka w'Ihuriro mpuzamahanga ry'Ukaristiya, umwaka Kiliziya idusaba kuzirikana ku murage w'urukundo Yezu Kristu yadusigiye. Bakristu murusheho kuzirikana uwo murage ukomeye Kristu yaduhaye. Mujye mwiyambaza Yezu muri Ukaristiya, muri iyi ngoro, mutegure neza igitambo cya Misa cyane cyane ku cyumweru ikoraniro ry'abakristu ryahuye, rihimbaza ukuzuka kwa Nyagasani, ndetse no mu yindi minsi mubonye, mujye muza gushengerera Yezu muri Ukaristiya. Nashimishijwe n'uko mugiye gutangira shaperi, aho hazajya hakorerwa gushengerera Ukaristiya amanywa n'ijoro, amasaha 24/24.

Yezu ntazongera kuva hano, mumutaramire, mumushengerere, kandi no mu kazi muba murimo, iyo munyuze hano mujye mumusura, ntimunyure ku rugo, bityo Yezu waje gutura muri twe tumwakirane urukundo n'ubudahemuka.

Nyagasani Yezu nabane namwe.